



**BABONYE
IKI MU NZU
YAWWE?**

HABIYAREMYE Edison
0788549539 & 0738829694
habiyaremye@gmail.com

**“Ibyishimo ntabwo ari aho ugera
ugahagarara, ni uburyo ukoramo
urugendo rwawe.”**

**“Happiness is not
a station you
arrive at, but a
manner of
traveling.”**

Margeret Lee Runbeck (1905 – 1956)






Indirimbo 8:7

**“Amazi menshi
ntiyazimya urukundo,
n’inzuzi zuzuye
ntizarurenga hejuru.
Umuntu watanga ibyo
afite mu rugo rwe byose,
kugira ngo agure
urukundo, yagawa
rwose”**

“Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe.


Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo.”

(Imigani 3:5-6)




Yesaya 39:3-4

Bukeye umuhanuzi Yesaya asanga umwami Hezekiya aramubaza ati "Abo bagabo bavuze iki, kandi baje aho uri baturutse he?" Hezekiya aramusubiza ati "Baturutse mu gihugu cya kure cy'i Babuloni baza ari jye basanga." Arongera aramubaza ati "**Mu nzu yawe babonyemo iki?**" Hezekiya aramusubiza ati " Ibiri mu nzu yanjye byose barabibonye. **Nta kintu na kimwe mu byo ntunze ntaberetse.**"




**Hezekiya yafashe
ubutegetsu afite imyaka 25
Yari afite amajyambere
Yategetse imyaka 29
Yavuguruye Abayuda
abakura kuri Bali
Yararwaye yenda gupfa
Yarasenze Imana ihindura
Icyemezo yari yafashe**



Yesaya 39:1

**“Icyo gihe Merodaki
Baladani mwene
Baradani umwami w'i
Babuloni yoherereza
Hezekiya inzandiko
n'amaturu, kuko yari
yumvise uko Hezekiya
yarwaye agakira.”**

**Inzandiko mu bihe bya kera zari ziryoshye
cyane pe- Wasomaga urwandiko bigasa naho
muri kumwe rwose**



Mon amour,
Si l'amour est un art, je veux être artiste, sois
ma barde, ma source d'inspiration, l'eau vive
vers laquelle je me tourne. En toi, je tirerai la
force de déplacer des montagnes pour édifier
notre joie. Je te remercie pour ton amour qui
enveloppe ma vie de lumière dorée.


Joyeuse Saint-Valentin

Inzandiko zabaga zuzuye
imitoma itaha ku mutima

**“Niba duhuje urukundo
rambura amaboko
duhoberane”**

**“Kukumenya byantwaye
akanya gato ariko
kukwibagirwa byo
bizantwara ubuzima”**


**“Twamenyanye ku
bw’Imana
ntituzatandukana
kubw’abantu”**



Mbese nawe ukunda Chat ko ari zo zasimbuye inzandiko? Ibisubizo- Nkunda CHAT CHAT CHAT- Nkunda Stickers- Nkunda images Hari ubwo rero chat zuzuye urukundo zifata indi ntera maze zikazamo na stickers.

Iyo chat zagurumanye cyane rero hari igihe bigera ku rwego nawe ubwawe utabasha kubigarura. Abari mu rukundo mbifuriye ubunani buryoshye kandi rwogere hose.

Wari wandikirana maze hagatangira kuzamo
udushusho tw'imitima ??????



Iyo chat yashyushye cyane hari
ka message kazamo karyoshye
kandi na none harimo ngo

"urimo kuntera amatsiko"

"wanyeretse se uko wiriwe"

"none se ubwo mbonye iki?"

**"Ngukumbuye kurushaho
unyeretse nibura amarembo ya
Yerusalemu (Ibibero)"**

Bukeye bwaho noneho
bihindura isura ati **"urasabwa
kunyereka mu murwa hagati
(Sex)"**



Uramutse witegereje neza chats uribonera ko kenshi ziba zamaze gutera intambwe ikomeye cyane.

SEXTING (Kwandikirana birimo kohererezanya amafoto y'ubwambure bwanyu) nibura kenshi cyangwa gake wasabye amafoto ye na we agusaba ayawe. Nibura ubasha kuba warayasabye abarenze umwe cyangwa nawe warayahaye abarenze umwe.


Urukundo ni nk'isoko idakama, kandi uwo rwacaniriye rumera nk'ikiyobyabwenge.






**Icyigisho
kirabaza ngo
“BABONYE IKI
MU NZU YAWE”?**

Hezekiya amaze kwakira ruswa yo mu bitekerezo kandi yamaze guta ubwenge dore icyo yakoze disi **Yesaya 39:2** "Maze Hezekiya yakira intumwa ze anezerewe, azimurikira inzu y'ububiko bwe yose yabikagamo ibintu bye by'igiciro cyinshi, ifeza n'izahabu n'imibavu n'amavuta y'igiciro cyinshi, n'inzu ibikwamo intwari zo kurwanisha, n'iby'ubutunzi byabonekaga mu nzu ye byose. Nta kintu na kimwe cyo mu nzu ye cyangwa mu gihugu cyeye cyose, Hezekiya atazeretse."





Aha ni rwa rwego uba umaze kohereza amafoto utazi umubare - Ni rwa rwego uba umaze kohereza utuvideo urimo kwikinisha ngo umukumbuze kuza kukureba- ni rwa rwego uba utazi neza abo umaze guha amafoto yawe y'ibanga.



Ibibazo 3

Yesaya 39:4 "Abo bagabo bavuze iki? Kandi baje aho uri baturutse he?" Hezekiya aramusubiza ati "Baturutse mu gihugu cya kure cy'i Babuloni baza ari jye basanga." Arongera aramubaza ati "**Mu nzu yawe babonyemo iki?**" Hezekiya aramusubiza ati " Ibiri mu nzu yanjye byose barabibonye. **Nta kintu na kimwe mu byo ntunze ntaberetse.**"



**Waba uzi aho ibyo
babonye werekanye
bizagarukira???**

**Waba uzi neza ingaruka
bizakugiraho???**

**Waba uzi neza ko kubura
kwiubaha no kwizigama
ari cyo cyatumye
uhinduka biri hanze???**

Ingaruka zikakaye



Yesaya 39:5

“Yesaya abwira Hezekiya ati “Umva ijambo ry’Uwiteka Nyiringabo: igihe kizaza ibiri mu nzu yawe byose, n’ibyo ba sogokuruza babitse kugeza ubu bizajyanwe i Babuloni, nta kintu kizasigara. Ni ko Uwiteka avuze.

(Ahwiiiiiii, mbega ishyano ringana no kubura imbyeyi??). Kandi abahungu

bawe uzibyarira mu nda yawe bazabajyana, babagire inkone zo

kuba mu nzu y’umwami w’i

Babuloni.”

Ingaruka za sexting (kohereza amafoto yawe y'ibanga)



Hari gihe kizagera amatsiko wateraga ashire ahubwo usigare uteye iseseme igihe cyose utarahindura iyo nyifato.

Hari igihe kizagera maze abakuryoherezaga chat mwohererezanye imyungikanyo y'ibitutsi - Hari igihe kizagera wicuze icyatumye woheraza amafoto yawe y'ibanga (Numvise uwohereje amafoto ye y'ibanga aho kujya aho ayohereje, ajya kuri status, ahamara amasaha 24)- Numvise uwohereje amafoto ye y'ibanga kuri group yibeshye profile image.

Ndibuka uwohereje amafoto ye maze mu bihe byakurikiyeho, bayasohora ku mbuga nkoranyambaga twese twihera ijisho - Sinabara inshuro numvise record z'abo bafashe barimo kuvugira ibishegu kuri telephone abo barimo kuvugana barimo gufata amajwi mu ibanga - Hari abasohoye chat bagiranye yuzuyemo imitoma n'imitereto itagira rutangira -Hari group nabayemo maze buri kanya abantu chat z'urukozasoni zikiyohereza bagira isoni bakavamo.



Ingaruka ku muntu ubwe no ku mibereho ye.



1. Ikimwaro no gukorwa n'isoni ni byo bikurindiriye mwana wa mama urarye uri munge.
2. Ihahamuka mu gihe watandukanye n'ubitse amafoto yawe y'ibanga wibaza icyo agiye kugukorera
3. Ihwa ribitse mu iterambere ryawe ry'ahazaza (Nyuma y'imyaka udukeka, ushobora kuzayasanga ku mbuga nkoranyambaga)
4. Kwiyumva nk'uwataye agaciro imbere y'abakuzi bose.
5. Bigukururira mu gukora imibonano mpuzabitsina kuko wumva bitagarukira aho kandi yamaze kukubona mpaka nawe umubone.



6. Ubaho utabasha gufata icyemezo mu bwisanzure kuko amabanga yawe abitse ahandi.
7. Kwerekana amafoto y'ibanga na none bisenya ingo z'abubatse kuko iyo umwe mu bashakanye afashwe mugenzi we abifata nk'igisebo atakwihanganira.
8. Amategeko ahana yihanukire gukoza undi isoni no kwerekana message yanditse cg amafoto atabiguhereye uburenganzira

Iyi pica ikimara kukuva mu nzara, aho izagarukira ni Imana ihazi

Iyo usibye Message zose, iyo bakoze backup ziragaruka

Iyo usibye muri gallery, zihita zijya kuri email zikibikayo kandi zibasha kumara imyaka yose

Muri google photo ni ho habikwa amafoto yose ndetse n'iyoyasibye ajya muri trash n'ubundi wazayashaka akagaruka. Ibyari byoroshye cyane ni ukuba utarayatanze .





Exting iryohera amaso ikaruhura umutima

Kandi ikamara amatsiko

Hari utubazo itera

- 1. Iyo ifoto isohotse ntuba uzi aho izagarukira n'abazayireba**
- 2. Iyo ushwanye n'uwo wazihaye uhorana inkomanga ko azakwandagaza**
- 3. Hari ubwo wibeshya bikajya muri mass media maze ukandagara Kandi wari wiyubashye.**
- 4. Iyo uzitanze nta yandi matsiko baba bagufitiye uba uri used Kubera ingaruka, ubasha gufata ingamba zo kubihagarika mu rwego rwo kwicungira umutekano**

whoa.in



- ✓ Hari uwiyamamarizaga umwanya ukomeye maze amafoto ye yambaye ubusa bayakwiza hose
- ✓ Hari umwarimukazi ahantu wayakubise kuri status ya WhatsApp aho kuyohereza aho yajyaga kandi afite abana bakuze
- ✓ **SEXTING IRYOHERA AMASO ARIKO IRIMO IMBOGO NYINSHI MUYIRINDE BASORE BACU NAMWE BAKUZE**
- ✓ Reba iyi chat turimo kuyireba Kandi barahiye ko nta wundi uzayibonaho
- ✓ Ibyari byoroshye cyane ni ukutayirekura.
- ✓ Trump bazanye amajwi yavuze kera n'abo yatereseho bese.



© CanStockPhoto.com - csp44128816

© CanStockPhoto.com - csp44128816

Hari uwitwa
“Ukuyemuye”!
Ukuye ibanga mu
nda ye ntarihisha
mu y'undi!

Ingamba



Abantu baka aya mafoto kuri chat jya ubagendera kure batazarikumanurira niba uri umwari, umusore, uwubatse nibubahe uruzabibu rwawe bareke kurwonona

Indirimbo 2:15 "Mudufatire ingunzu, bya byana by'ingunzu byonona inzabibu, kuko inzabibu zacu zirabije."



Saba Imana kugufasha ku
byatambutse maze uhangane
n'ibisigaye imbere

Yohana 5:14 "Hanyuma y'ibyo Yesu
amubona mu rusengeru aramubwira
ati "Dore ubaye muzima,
ntukongere gukora icyaha
utazabona ishyano riruta irya
mbere."

Ntihakagire uwongera kuguta ku wa
kajwiga ngo werekane ibiri muri
wowe byose nka Hezekiya

Abefeso 5:6 "Ntihakagire umuntu
ubohesha amagambo y'ubusa, kuko
ibyo ari byo bizanira umujinya
w'Imana abatayumvira."

Uburyo bwo gusenga ibigirwamana



Uko gukora amafoto no kuyahererekanya ni uburyo bumwe bwo gusenga ibigirwamana.

Satani ari gukora uko ashoboye kose ngo ateshure ibitekerezo byacu bye guhangwa mu ijuru. Nimutyo twe kumufasha dukora ibigirwamana by'amafoto. Dukeneye kugera ku rugero ruhanitse rurenze urwo ayo masura y'abantu ashobora gutanga.

Uwiteka aravuga ati: **"Ntukagire izindi mana mu maso yanjye"**. Abavuga ko bizera Kristo bakeneye gusobanukirwa ko bagomba kugaragaza ishusho ye. Ishusho ye ni yo igomba gushyirwa imbere y'ubwenge bw'abantu, amagambo avugwa agomba kuba aherekejwe n'impumuro y'ijuru.

Ubutumwa ku basore, p.311




Kristo yagereranyije abayoboke be n'umunyu w'isi ndetse n'umucyo wayo. Hatabayeho imbaraga ikiza y'abakristo, isi yarimbukira mu byaha byayo. Nimurebe itsinda ry'abavuga ko ari abakristo, nyamara batagira icyo bitaho mu myambarire yabo no mu mibereho yabo. Nk'uko imyambarire yabo ibigaragaza, ntibashikamyeye mu byo bakora. Nta burere bagaragaza, nta rugwiro, kandi ni intumva n'ibihubutsi mu migirire yabo. Barangwa n'ubupfapfa mu biganiro byabo nyamara kandi bafata ko icyo mico y'impezamajyo ari yo iranga kwicisha bugufi nyakuri n'imibereho ya gikristo. Mbese aho mutekereza ko Umukiza wacu abaye ari ku isi yabatunga agatoki yerekana ko ari umucyo n'umunyu w'isi? Oya ntibishoboka rwose!


Ubutumwa ku basore, p.349

Abakristo nibakwiriye kwihandishaho imibabaro bihindura ibishungero bitewe no kwambara mu buryo butandukanye n'ab'isi.

Ariko, kubwo guhuza no kwizera kwabo n'inshingano yabo mu bijyanye n'imyambarire yabo iri mu rugero rukwiriye kandi ituma bagira amagara mazima, igihe bisanze Bambara imyambaro itakigezweho, ntibakwiriye guhindura imyambaro yabo kugira ngo bakunde base n'ab'isi. Ariko bakwiriye kugaragaza ukwishyira ukizana kurangwa no kwiyubaha n'ubutwari mu mico mbonera bakora ibitunganye nubwo isi yose yaba itandukanye nabo.



Isi nizana umudeli w'imyambaro iri mu rugero, ikwiriye kandi ituma abantu bagira amagara mazima ndetse ihuje n'inyigisho za Bibiliya, ntabwo kwambara bene uwo mudeli w'umwambaro bizahindura imibanire yacu n'Imana cyangwa uko twitwara ku b'isi. **Abakristo bakwiriye gukurikira Kristo, kandi imyambaro yabo bakayisanisha n'ijambo ry'Imana. Bakwiriye kwirinda kuba abahezanguni.** Bakwiriye gukurikira inzira igororotse badakebakeba batitaye ku gushimwa cyangwa se kugawa, kandi bakwiriye gushikama ku butunganye bitewe n'ibyiza bibirimo. **Urwibutso n'Integuza, Mutarama 30, 1900**





Abo duhura nabo buri munsu bakeneye ubufasha bwacu no kubayobora. Uko bamerewe mu ntekerezo zabo bashobora kuba ijamba babwirwa ryababera nk'umusumari utewe aho ukwiriye. Bishoboka ko ejo bamwe muri abo bantu bazaba bari ahantu tudashobora kubageraho na gato. Ni izihe mpinduka duteza abo bagenzi bacu?

Abahanuzi n'Abami, p.316



Umunsi wose wo mu kubaho uba wuzuye inshingano tugomba gusohoza. Buri munsi amagambo yacu n'ibikorwa byacu bigira icyo bihindura kubo duhura na bo. Mbega uburyo dukeneye kurinda iminwa yacu cyane n'intambwe zacu twigengesereye!

Ikintu kimwe twakora duhubutse, intambwe imwe twatera tudashishoje, byatuma imiraba y'ibigeragezo bimwe bikomeye ibasha gutembana umuntu ikamujiyana mu nzira igana ikuzimu. Ntabwo dushobora gukusanya ibitekerezo twamaze kwinjiza mu ntekerezo z'abantu. Niba ibyo bitekerezo byari bibi, twaba twaratangije urugendo rw'ibintu, cyangwa umuraba w'ibibi tudashobora guhagarika.

Abahanuzi n'Abami, p.371

Nyamara ku rundi ruhande niba kubw'urugero dutanga dufasha abandi guteza imbere amahame meza, tuba tubaha imbaraga zo gukora icyiza. Nabo ku ruhande rwabo ibyo byiza babicengeza mu bandi. Uko ni ko abantu amagana menshi ndetse n'ibihumbi byinshi baba bafashwa n'impinduka nziza duteza nyamara tutabizi. Umuyobohe nyakuri wa Kisto akomeza imigambi myiza y'abantu bose ahura na bo. Agaragariza imbaraga y'ubuntu bw'Imana no gutungana kw'imico ye imbere y'ab'isi batizera kandi bakunda gukora icyaha.



1Timoteyo 4:8,9

“Kuko kwitoza k'umubiri kugira umumaro kuri bike, naho kubaha Imana kukagira umumaro kuri byose, kuko gufite isezerano ry'ubugingo bwa none n'ubuzaza na bwo. Iryo jambo ni iryo kwizerwa kandi rikwiriye kwemerwa rwose.

